**ICYEMEZO n° 02/2022/TB/BWS GITEGEKA UKURIKIRANWEHO ICYAHA KWITABA MU GIHE CY'UKWEZI**

Umunsi wa 13 w'ukwezi kwa Mutarama, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri;

**Twebwe RIZIKI Madeleine**, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa **BWISHYURA**, dufashijwe na **MPORWIKI Jean Marie Vianney**, Umwanditsi Mukuru y'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko kuwa **17/05/2021** Ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura ikirego **RP 00194/2021/TB/BWS** buregamo **NSABAGASANI EMMANUEL** bumukurikiranyeho icyaha cyo **gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake** giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya **121** yy'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**Tumaze** kubona ko mu iburanisha ry'uru **RP 00194/2021/TB/BWS** ryo kuwa 13/01/2022, ubushinjacyaha bwashimangiye ko bwareze **NSABAGASANI EMMANUEL** nk'uwatorotse ubutabera ndetse bikaba bigaragara mu nyandiko ikubiyemo ikirego cyabwo;

**Dushingiye** ku ngingo za 160, 161 na 162 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**Dutegetse ko NSABAGASANI EMMANUEL** mwene **UZABAHO ALOYS** na **MUKESHIMANA JACQUELINE** utuye mu mudugudu wa **Kabariro,** akagari ka **Gisayura**, umurenge wa **Mutuntu**, akarere ka **Karongi**, intara y'**Iburengerazuba**; muri **Repubulika y'u Rwanda**; akaba akurikiranywe yaratorotse ubutabera, yitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura kuwa **17/02/2022, i saa mbiri** za mugitondo kugira ngo aburane, natitaba, hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, urubanza rwe ruburanishwe.

**Dutegetse ko** mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo kikamanikwa ahabugenewe ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura, Urubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga, ibiro by'Akagari ka **Gisayura,** umurenge wa **Mutuntu,** akarere ka **Karongi.**

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

RIZIKI Madeleine

PEREZIDA

MPORWIKI Jean Marie Vianney

UMWANDITSI MUKURU